Kayibanda Anastase Dr.: 1
P.: 4

Correspondance

7/10/1987

Lettre à l'intéressé

Mlle Laurence ~~Mettier~~ JF

- pas de description de faits justifiant ses prestations et sa conscience professionnelle

- les raisons de maladie pour ne pas participer à l'[illegible] devaient être appuyées par des attestations médicales

- Quelle est la côte attribuée ?

- Le recours doit montrer ~~la [illegible]~~ l'adéquation entre la côte attribuée et le comportement réel.

et non pour vérifier les ~~[illegible]~~ conseiller à ces ses supérieurs

KAYIRANDA Anastase
Instructeur de la Jeunesse
au C.F.J MUKINGO
B.P 15 MUKINGO

Kuwa 07/10/1987

SE GERAM réagir à ce recours

A traiter par ..........
Date entrée : 12/10/87
N° Classement : 7476/15

Impamvu:Isnhimwe nahawe libi.

Nyakwubahwa Bwana Ministri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
K I G A L I.

Nyakwubahwa Bwana Ministri,

Mbandikiye ngirango mbagezeho ababaro natewe na Ishimwe nahawe y'umwaka wa 1987 yo kuwa 23 Kamena 1987 nagejejweho kuwa 29/9/1987, n'Umuyobozi wa C.F.J MUKINGO.

Nashatse no kumusobanuza impamvu yampaye iryo shimwe, arampunga, ahubwo arambwira ngo nimara kuyisinya ngo nyimushirire mu biro [illegible] ngo azayisangamo.

Nyakwubahwa Bwana Ministri njye ntabona iryo shimwe yampaye yarandenganije, kuko avuga [illegible] imikorere yanjye uko itari. Avuga ko nica akazi kubera kutaboneka; ahubwo aliwe usanga akica kubera ko haba nk'igihe agenda agasiga akinze amashuri imfunguzo akazijyana, tukabura aho twigishiriza , yaba yasize akinguye, ntadusigire ingwa , kandi ibyo byose akabikora ntagire n'umwe abwira.

Limwe ubwanjye najyaga mbimwibutsa none ninjye abikubiseho ko ntakora. Aho avuga ko ntakora umuganda, Nyakwubahwa Bwana Ministri, kubera ubuzima bwanjye biturutse ku burwayi mfite, kandi nawe yarabyemeraga, kuko azi neza ko ndwaye, uretse ko ashaka kubigira ifatizo ryo kumparabika.

attestation médicale

Ibyo byose rero bikaba bituruka ku nzika y'ibaruwa twabandikiye njye na NTUYAHIMANA Tharcisse yo kuwa 10/4/1985,twavugagamo imikorere mibi y'ikigo,iyo barwa yalimenyeshaga na Prefe. Bidatinze kuwa 3//5/1985, haza Komisiyo iyobowe na S/Prefe, kugira ngo barebe ibyo tuvuga alibyo. Bahavuye babona ko ali ukuli.

Kuwa 4/5/1985, namwe mwohereje umuntu, hakurikiraho na Inspection ya Ministère, abo bose mwohereje bavaga hano babona ko ibyo ali ukuli, ku buryo byagaragariye imbere y'abarimu n'abanyeshuri ku buryo Diregiteri w'ikigo, kubera ibimenyetso byamuhamaga ko yabikoze, cyane cyane nk'ibyo kurigisa umutungo w'ikigo, yari yaragiye akora kenshi tubona, maze aho kugira ngo yikosore, ibyo byose bivamo gutuma agira ubute mu gukangara abana igihe bakoze amakosa cg se igihe bataza mw'ishuri neza, ali nacyo gituma tutabona abanyeshuri bahagije, kubera ko abo bari kuza babona abahasanzwe bakora banga.

Ubwo buryo bwo kudacaha abana, n'ukugira ngo bamwumve neza, kubera amakosa yose yaranze kumutarukaho yatumaga batamwumva neza. Urugero : umuntu yarafashwe yaragiye mu kigo amatungo, abwira abanyeshuri ngo bamuce amafranga, bamaze kuyamuca, amaze no kuyatanga, ubwo yabwiye abanyeshuri ngo bajye kuyamwera, aho kuyinjiza mu sanduku y'ikigo.

Hari ikibazo cyo kuba nta nama adukoresha,ahubwo we agahimba , agafata abajenesi batashe barangije, bamwe bafashwa n'ikigo, akaba aribo akorana nabo inama rwihishwa nta n'umwarimu n'umwe uhari, ngo abo nibo ba gize Komite ya Serire C.F.J MUKINGO, kandi abo nibo afatanya nabo gukurura amatiku mu kigo no kurigisa iby'ikigo.

Muribuka ababwira ngo nimuke mu kigo, kugira ngo haboneke aho gukorera, nyamara kigo we yifuzaga ko nahava akajya abona uko aligisa ibintu by'ikigo ntacyo yishisha. [illegible] Kubona umwana arangiza ntashobora kuba yagira ati nk'uyemo iki n'iki.

Urundi rugero nahaha, mu ubugisandi angirira Nyakwubahwa Bwana Ministri, n'ibaruwa yanjye mwanyandikiye mumenyesha kujya muri Stage i MURAMBI, akaba yarayimpishe, ibaruwa yabandikiye asobanura amashuri ya buri muntu, ahanditse imyaka 3, yandikaho umwaka umwe (1°, kandi yansabye ibyangombwa nabimuhaye.

Ibyo rwose murabona ko uwo mugabo andenganya muri byinshi. Nzaba mbasabye Nyakwubahwa Bwana Ministri, ko mwankiza ako karengane mbona ntashobora kuzavamo igihe cyose nzaba ndi kumwe nawe.

Ngitegereje igisubizo cyanyu cyiza mbaye mbashimiye Nyakwubahwa Bwana Ministri.

Mugire amahoro.

KAYIBANGA Anastase.

<u>BIMENYESHEJWE</u>:
-Bwana Prefe wa Prefegitura <u>RUHENGERI</u>.
-Bwana Umuyobozi w'Ikigo C.F.J <u>MUKINGO</u>.